

MICT-12-25  
21-03-2014  
(413/ter - 408/ter)

~~MICT 12 25~~  
~~21 03 2014~~  
~~(413/bis - 408/bis)~~

413/bis  
JN

413/ter  
JN

UMURYANGO W'ABIBUMBYE

---



Urwego rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko  
Mpanabyaha Mpuzamahanga (« MICT »)

Urubanza n°: MICT-12-25

Tariki: 17 Mutarama 2014

Umwimerere: icyongereza


---

Kuri: Perezida w'Urwego rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko Mpanabyaha  
Mpuzamahanga (« MICT »)

Binyujijwe kuri: Gerefiye wa MICT

Byanditswe na: Samuel Algozin  
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi

**Raporo y'ubugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi  
(Ukuboza 2013)**



## AMASHAKIRO

<b>I.</b>	<b>INTANGIRIRO .....</b>	<b>3</b>
<b>II.</b>	<b>RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE .....</b>	<b>3</b>
	A. Tariki ya 11 Ukuboza 2013, kubonana na Uwinkindi.....	3
	B. Tariki ya 12 Ukuboza 2013, kubonana n’abakozi bo mu Bushinjacyaha .....	4
	C. Tariki ya 13 Ukuboza 2013, kubonana n’umuyobozi wa gereza .....	4
	D. Tariki ya 14 Ukuboza 2013, kubonana n’umwunganizi w’Uregwa .....	4
<b>III.</b>	<b>UMWANZURO .....</b>	<b>6</b>

## I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo y'ubugenzuzi (« raporo ») irebana n'ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi mu nkiko z'u Rwanda n'imibonano abagenzuzi bashyizweho na MICT bagiranye n'abantu batandukanye mu Ukuboza 2013 (« igihe cyakozweho raporo »). Muri iki gihe cyakozweho raporo, umugenzuzi wakoze raporo ari we Samuel Algozin, yagiye mu Rwanda inshuro imwe.<sup>1</sup>

## II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

### A. Tariki ya 11 Ukuboza 2013, kubonana na Uwinkindi

2. Ku itariki ya 14 Ukwakira 2013, nabonanye na Uwinkindi kuri Gereza nkuru ya Kigali (« Gereza »). Uwinkindi yavuze ko umwunganizi we Gatera Gashabana ari we waduha amakuru nyayo ku birebana n'aho urubanza rwe rugeze.
3. Ku birebana n'imibereho ye muri gereza, Uwinkindi yavuze ko, mu buryo butandukanye n'ibyavuzwe n'umuyobozi wa gereza biri muri raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri 2013,<sup>2</sup> kandi mu buryo bunyuranije n'ibyari byumvikanyweho mbere, nta cyiyongereye ku mafunguro ahabwa abafungwa. Ikindi kandi, Uwinkindi yavuze ko mu buryo bunyuranye n'ibyavuzwe n'umuyobozi wa gereza,<sup>3</sup> nta mwenda uboneye ufunika matola araraho yahawe, kandi abafungwa ntibahawe ibikoresho byo mu gikoni no ku meza. Bwana Uwinkindi yavuze kandi ko ubwiherero budahagije kandi ko hari dushe imwe ikoreshwa n'abafungwa benshi. Uwinkindi yavuze ko nta hantu hagutse ho kubonanira

<sup>1</sup> .Muri uru rugendo harimo kandi ibyakozwe mu ingenzura ry'urubanza rwa Bernard Munyagishari.

<sup>2</sup> Reba raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri mu rubanza rwa Uwinkindi 2013 (« Raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri ») 31 Ukwakira 2013, igika 32 (a).

<sup>3</sup> Reba raporo y'ubugenzuzi yo muri Nzeri, igika 32(c).

n'abamwunganira, kandi ko rimwe na rimwe atashoboye kuvugana n'abamwunganira kubera ko nta ho kubonanira hakwiye habaga habonetse.

**B. Tariki ya 12 Ukuboza 2013, kubonana n'abakozi bo mu Bushinjacyaha**

4. Ku itariki ya 12 Ukuboza 2013, nabonanye na Florida Kabasinga, umujyanama mu by'amategeko wa Porokireri Mukuru na Jean Bosco Mutangana, umushinjacyaha ukuriye abandi mu rubanza rwa Uwinkindi.
5. Mutangana yavuze ko yizeye ko urubanza rwa Uwinkindi ruzatangira kuburanishwa mu mizi yarwo ku itariki ya 22 Mutarama 2014. Ku itariki twabonanye, Ubushinjacyaha bwari butarashyikirizwa inyandiko iyo ari yo yose n'abunganizi ba Uwinkindi.

**C. Tariki ya 13 Ukuboza 2013, kubonana n'umuyobozi wa gereza**

6. Ku itariki ya 13 Ukuboza 2013, nabonanye n'umuyobozi mushya wa Gereza Nkuru ya Kigali, Murenzi Alexis. Murenzi yasimbuye Rusa Gahima ku mwanya w'umuyobozi wa gereza. Kubera ko yari inshuro ya mbere mbonana na Murenzi, nta bintu bikomeye twaganiriye kandi nta cyo nanditse.

**D. Tariki ya 14 Ukuboza 2013, kubonana n'umwunganizi w'Uregwa**

7. Ku itariki ya 14 Ukuboza 2013, nabonanye na Gatera Gashabana, washyizweho kugira ngo yunganire Uwinkindi.
8. Gashabana yavuze ko we n'Umunyamabanga Uhoraho wa Minisiteri y'Ubutabera baganiriye ku masezerano minisiteri ishaka ko ari yo agenga imirimo ya Gashabana nk'umwunganizi w'Uwinkindi. Gashabana yanze ayo masezerano yateganyaga miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda ku bwunganizi bwa Uwinkindi.<sup>4</sup>

---

<sup>4</sup> Ku byerekeranye n'ayo masezerano, reba raporo y'ubugenzuzi ku rubanza rwa Uwinkindi (Ukwakira n'Ugushyingo 2013), 20 Ukuboza 2013, igika 47.

9. Gashabana yavuze ko ku itariki ya 4 Ukuboza 2013 cyangwa hafi yayo, Umunyamabanga Uhoraho yazanye amasezerano mashya, ateganya miliyoni imwe y'amafaranga ku kwezi ku bwunganizi bwa Uwinkindi. Hakurikijwe ibiteganywa muri ayo masezerano mashya, nta gihembo kizatangwa ku kwezi kwa Kanama 2014, igihe Urukiko ruzaba ruri mu kiruhuko. Gashabana yavuze ko atazemera iyi ngingo y'amasezerano mashya, kuko azakomeza gukora mu gihe cyose Urukiko ruzaba ruri mu kiruhuko, kandi ko akwiye kuzabihemberwa.
10. Gashabana yavuze ko Umunyamabanga Uhoraho yamubwiye ko Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ruzagira uruhare muri aya masezerano mashya. Gashabana yavuze ko ari ibintu bifite akamaro cyane kuba Urugaga rw'Abavoka rugira uruhare muri ayo masezerano no mu birebana no guha Uwinkindi ubufasha mu by'amategeko. Gashabana yavuze ko Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rugira buri gihe uruhare muri gahunda yo gufasha mu by'amategeko abaregwa b'abatindi nyakujya kandi ko ari inararibonye kandi rukora rwubahirije amategeko agenga umwuga, rukaba runamenyereye kugenzura uburyo ubufasha mu by'amategeko bukorwa mu Rwanda. Gashabana avuga ko Minisiteri y'Ubutabera yari ikwiye kugira uruhare gusa mu gutanga amafaranga yo gukoresha, ko idakwiye kujya mu igenzura ry'uburyo ubufasha mu by'amategeko butangwa cyangwa kureba imikorere y'ikipe y'Ubwunganizi. Gashabana avuga ko kuba Urugaga rw'Abavoka rwagira uruhare muri iki kibazo byatuma agira ubwisanzure nk'umwunganizi washyizweho kugira ngo yunganire Uwinkindi.
11. Igihe twabonanaga, Gashabana, yavugaga ko ategereje ko Umunyamabanga Uhoraho amushyikiriza inyandiko itaranonosorwa y'amasezerano mashya.
12. Gashabana yavuze ko amaze kuvugana n'Umunyamabanga Uhoraho, Jean Baptiste Niyibizi, umwunganizi wungirije washyizweho ngo yunganire Uwinkindi, yahamagawe kuri telefone n'umunyamakuru wa *The New Times*, ikinyamakuru cyo mu Rwanda cyandikwa mu cyongereza gisohoka buri muni. Uwo munyamakuru yabajije Niyibizi

uko urubanza ruri kugenda. Niyibizi yabwiye uwo munyamakuru iby'umushinga w'amasezerano mashya. Ibyo Niyibizi yavuze byasubiwemo mu nyandiko *The New Times* yasohoye ku itariki ya 9 Ukuboza 2013.<sup>5</sup> Bwana Gashabana akeka ko Umunyamabanga Uhoraho yavuganye n'itangazamakuru ku birebana n'amasezerano yaganirwagaho kandi akaba asanga iyi mikorere idakwiye. Yavuze ko azandikira Umunyamabanga Uhoraho anenga imikorere ye yo guhamagara itangazamakuru.

13. Gashabana yavuze kandi ko, mu rwego rwo gutegura urubanza, akomeje kubonana n'abatangabuhamya bashinjura abasanga aho bari.

### III. UMWANZURO

14. Urubanza rwa Uwinkindi ruburanishwa n'Urukiko Rukuru ruzasubukurwa ku itariki ya 22 Mutarama 2014.

Murakoze

[umukono]

Samuel Algozin,

Umugenzuzi washyizweho na MICT mu rubanza

rwa Uwinkindi.

---

<sup>5</sup> *The new Times* « Abunganira Uwinkindi bari kuganira ku masezerano yo kuzajya bahembwa ku kwezi », tariki ya 9 Ukuboza 2013. Muri icyo nyandiko, hasubirwamo ibyavuzwe na Niyibizi agira ati « Twujuje amasezerano ku ngingo za ngombwa, turacyafite utuntu dutoya two kumvikanaho noneho tugasinye amasezerano. Dushobora kuzayasinye mu gihe kidatinze ».